

ITEGEKO N° 49/2012 RYO KUWA 22/01/2013
RIGENA UBWISHINGIZI KU MWUGA
W'UBUVUZI

LAW N°49/2012 OF 22/01/2013
ESTABLISHING MEDICAL
PROFESSIONAL LIABILITY INSURANCE

LOI N° 49/2012 DU 22/01/2013 PORTANT
ASSURANCE PROFESSIONNELLE
MEDICALE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA
BW'IBANZE BW'UMURWAYI N'UBW'UNDI
WAKENERA IBIKORWA BY'UBUVUZI

CHAPTER II: FUNDAMENTAL RIGHTS OF
A PATIENT AND OTHER HEALTH
SERVICE USER

CHAPITRE II: DROITS FONDAMENTAUX
DU PATIENT ET D'UN AUTRE USAGER
DES SERVICES DE SANTE

Ingingo ya 3 : Uburenganzira ku gaciro
k'umuntu n'icyubahiro cye

Article 3: Right by a human person to dignity
and privacy

Article 3 : Droit d'une personne humaine à la
dignité et à l'intimité

Ingingo ya 4 : Uburenganzira ku bikorwa
by'ubuvuzi

Article 4: Rights of access to medical
procedures

Article 4 : Droit d'accès aux actes médicaux

Ingingo ya 5 : Uburenganzira ku mutekano
w'umurwayi

Article 5: Patient's right to safety

Article 5: Droit du patient à la sécurité

Ingingo ya 6 : Uburenganzira bwo guhitamo
umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga

Article 6: Right to free choice of a health
professional

Article 6 : Droit au libre choix d'un
professionnel médical

Ingingo ya 7 : Uburenganzira ku makuru

Article 7: Right to information

Article 7: Droit à l'information

Ingingo ya 8 : Uburenganzira bwo guhitamo
umuntu wizewe

Article 8: Freedom of choice of a trusted
person

Article 8 : Liberté de choisir une personne de
confiance

<u>Ingingo ya 9</u> : Uburenganzira bwo kwemera	<u>Article 9</u>: Right to consent	<u>Article 9</u> : Droit au consentement
<u>Ingingo ya 10</u> : Uburenganzira bwo kwanga kuvurwa n’ubwo kwisubiraho	<u>Article 10</u>: Right to refuse treatment and withdraw consent	<u>Article 10</u> : Droit au refus de traitement et au retrait du consentement
<u>Ingingo ya 11</u> : Kwemera kw’abana cyangwa abandi bantu badafite ubushobozi bwo kwifatira icyemezo	<u>Article 11</u>: Consent of minors or other incapable persons	<u>Article 11</u> : Consentement des mineurs ou d’autres personnes incapables
<u>Ingingo ya 12</u> : Uburenganzira ku isuzumwa no ku kubona kopi y’idosiye y’umurwayi	<u>Article 12</u>: Right to consult and be given a copy of the patient’s medical record	<u>Article 12</u> : Droit de consulter et de se faire remettre une copie du dossier médical du patient
<u>Ingingo ya 13</u>: Uburenganzira bwo kuregera indishyi	<u>Article 13</u>: Right to sue for compensation	<u>Article 13</u> : Droit d’intenter une action aux fins d’indemnisation
<u>UMUTWE WA III: UBWISHINGIZI KU NGARUKA ZITURUKA KU BIKORWA BY’UBUVUZI</u>	<u>CHAPTER III: INSURANCE AGAINST HEALTH RISKS</u>	<u>CHAPITRE III: ASSURANCE CONTRE LES RISQUES SANITAIRES</u>
<u>Ingingo 14</u>: Ubwishingizi ku mukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga ku giti cye	<u>Article 14</u>: Insurance by a health professional	<u>Article 14</u>: Assurance par un professionnel de santé
<u>Ingingo ya 15</u>: Ubwishingizi bw’ikigo cy’ibikorwa by’ubuvuzi	<u>Article 15</u>: Insurance by a health facility	<u>Article 15</u> : Assurance par un établissement de santé
<u>Ingingo ya 16</u>: Ibihano byo mu rwego rw’akazi k’uwanze kubahiriza ibiteganywa mu ngingo ya 14 n’iya 15 z’iri tegeko	<u>Article 16</u>: Disciplinary action against a person who fails to comply with the provisions of articles 14 and 15 of this Law	<u>Article 16</u> : Sanctions disciplinaires contre une personne qui viole les dispositions des articles 14 et 15 de la présente loi
<u>Ingingo ya 17</u>: Kwishyura ubwishingizi igihe abakoresha barenze umwe	<u>Article 17</u>: Payment of insurance premiums in case of several employers	<u>Article 17</u>: Paiement des primes d’assurance en cas de pluralité d’employeurs
<u>Ingingo ya 18</u>: Kwishyura ingaruka zituruka ku bikorwa by’ubuvuzi zitari mu masezerano y’ubwishingizi	<u>Article 18</u>: Compensation for health risks not covered under insurance policy	<u>Article 18</u>: Réparation des risques sanitaires non couverts par le contrat d’assurance

<u>Ingingo ya 19:</u> Uburyozwe ku miti n'ibindi bikoreho byateye ingaruka ku murwayi	<u>Article 19:</u> Liability for pharmaceuticals and other devices having caused adverse events on the patient	<u>Article 19 :</u> Responsabilité en cas de produits pharmaceutiques et autres dispositifs ayant produit des effets indésirables sur le patient
<u>Ingingo ya 20 :</u> Ibitishingirwa n'iri tegeko	<u>Article 20:</u> Risks not covered under this Law	<u>Article 20:</u> Risques non couverts par la présente loi
<u>Ingingo ya 21 :</u> Igihe ubwishingizi butangirira	<u>Article 21:</u> Commencement of insurance	<u>Article 21:</u> Entrée en vigueur de l'assurance
<u>UMUTWE WA IV:</u> KOMITE ZISHINZWE KUNGA NO KUGENA INDISHYI ZITURUKA KU NGARUKA Z'IBIKORWA BY'UBUVUZI	<u>CHAPTER IV:</u> COMMITTEES FOR CONCILIATION AND COMPENSATION FOR HEALTH RISKS	<u>CHAPITRE IV :</u> COMITES DE CONCILIATION ET D'INDEMNISATION DES RISQUES SANITAIRES
<u>Ingingo ya 22 :</u> Komite zishinzwe kunga no kugena indishyi zituruka ku ngaruka z'ibikorwa by'ubuvuzi	<u>Article 22:</u> Committees for Conciliation and Compensation for Health Risks	<u>Article 22:</u> Comités de Conciliation et d'Indemnisation des Risques Sanitaires
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano za Komite yo ku rwego rw'Akarere	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Committee at the District level	<u>Article 23:</u> Attributions du Comité au niveau de District
<u>Ingingo ya 24 :</u> Inshingano za Komite yo ku rwego rw'Igihugu	<u>Article 24:</u> Responsibilities of the Committee at the national level	<u>Article 24:</u> Attributions du Comité au niveau national
<u>Ingingo ya 25 :</u> Kuregera inkiko	<u>Article 25:</u> Referral to courts	<u>Article 25:</u> Saisine des juridictions
<u>Ingingo ya 26:</u> Ubuzime bw'ikirego	<u>Article 26:</u> Limitation of legal action	<u>Article 26:</u> Prescription de l'action en justice
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 27:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 27:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 27:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 28:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 28:</u> Repealing provision	<u>Article 28:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 29 :</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 29:</u> Commencement	<u>Article 29:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

ITEGEKO N° 49/2012 RYO KUWA 22/01/2013 RIGENA UBWISHINGIZI KU MWUGA W'UBUVUZI **LAW N°49/2012 OF 22/01/2013 ESTABLISHING MEDICAL PROFESSIONAL LIABILITY INSURANCE** **LOI N° 49/2012 DU 22/01/2013 PORTANT ASSURANCE PROFESSIONNELLE MEDICALE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 28 Ukuboza 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 28 December 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 décembre 2012 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 28 Ukuboza 2012;

The Senate, in its session of 28 December 2012;

Le Sénat, en sa séance du 28 décembre 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113 n'iya 201 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 10, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, and 201 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 10, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura mu Rwanda;

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of the art of healing;

Vu la Loi n° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'art de guérir ;

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

Ishingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02/07/1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti;	Pursuant to Law n° 12/99 of 02/07/1999 related to pharmaceutical art;	Vu la Loi n° 12/99 du 02/07/1999 relative à l'art pharmaceutique ;
Ishingiye ku Itegeko n° 30/2001 ryo kuwa 12/06/2001 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'urugaga rw'abaganga;	Pursuant to Law n° 30/2001 of 12/06/2001 on the organization, functioning and scope of activities of the Medical Council;	Vu la Loi n° 30/2001 du 12/06/2001 portant organisation, fonctionnement et compétences de l'Ordre des Médecins;
Ishingiye ku Itegeko n° 25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama Nkuru y'Igihugu y'Abaforomo n'Ababyaza rikanagena Imiterere, Imikorere n'Ububasha byayo;	Pursuant to Law n° 25/2008 of 25/07/2008 establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and competence;	Vu la Loi n° 25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes;
Ishingiye ku Itegeko n° 52/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi;	Pursuant to Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business;	Vu la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation des activités d'assurance;
Ishingiye ku Itegeko-teka ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;	Pursuant to Decree-law of 30/07/1888 governing contracts as modified and complemented to date;	Vu le Décret-loi du 30/07/1888 régissant les contrats tel que modifié et complété à ce jour;

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho ubwishingizi ku mwuga w'ubuvuzi na Komite zishinzwe kunga no kugena indishyi zituruka ku ngaruka z'ibikorwa by'ubuvuzi.

This Law establishes medical professional liability insurance and Committees for Conciliation and Compensation for Health Risks.

La présente loi porte création de l'assurance professionnelle médicale et des Comités de Conciliation et d'Indemnisation des Risques Sanitaires.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

- 1° **ahakorerwa igikorwa cy'ubuvuzi:** ahantu hose haba aha Leta cyangwa ah'umuntu wikorerwa hemewe na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo mu kuvura indwara cyangwa mu gutanga izindi serivisi z'ubuvuzi;
- 2° **igikorwa cy'ubuvuzi:** igikorwa cy'umuvuzi wabigize umwuga mu rwego rwo kuvura, gusuzuma, kwirinda indwara, guteza imbere ubuzima bw'umurwayi cyangwa ubw' umuntu wese uhabwa serivisi z'ubuvuzi;
- 3° **ikosa ritaryoza indishyi:** ingaruka yabaye ku murwayi cyangwa umuntu wese wahawe ibikorwa by'ubuvuzi nta ruhare na rumwe rugaragara rw'umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga cyangwa urw'ikigo gitangirwamo ibikorwa by'ubuvuzi;
- 4° **ingaruka zitewe n'ibikorwa byo mu buvuzi:** icyago, impanuka, uburangare cyangwa amakosa bibaye ku murwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa byo mu buvuzi bitewe n'umuvuzi cyangwa ahakorerwa ubuvuzi;
- 5° **ubumuga buturutse ku buvuzi:** imbogamizi itewe n'igikorwa cy'ubuvuzi ibuza umuntu kubaho mu buryo asanzwe abamo;
- 6° **umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga:**

Article 2: Definitions of terms

In Law, the following terms shall have the following meanings:

- 1° **healthcare setting:** any state-owned or private place authorised by the Ministry in charge of Health to serve as a site for the treatment of diseases or provision of other medical services;
- 2° **medical procedure:** an act performed by a health professional for the purposes of treatment, consultation, prevention and improvement of the health state of a patient or any other medical service user;
- 3° **excusable error:** a risk of which the patient or any other medical service user is victim with no clear responsibility of a health professional or health facility;
- 4° **health risk:** hazard, accident, negligence or error of which the patient or any other medical service user is victim because of a health professional or healthcare setting;
- 5° **medical harm:** harm caused by a medical procedure that renders a person incapable of leading a normal life;
- 6° **health professional:** a state-authorized

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

- 1° **milieu sanitaire:** tout endroit public ou privé agréé par le Ministère ayant la Santé dans ses attributions pour servir de lieu de traitement des maladies ou de prestation d'autres services médicaux;
- 2° **acte médical:** acte accompli par un professionnel de santé en vue de traitement, de consultation, de prévention et de promotion de l'état de santé d'un patient ou de tout autre usager des services de santé;
- 3° **erreur excusable:** risque dont le patient ou tout autre usager des services de santé est victime sans aucune responsabilité évidente d'un professionnel de santé ou d'un établissement de santé ;
- 4° **risque sanitaire:** aléa, accident, négligence ou erreur dont le patient ou tout autre usager des services de santé est victime à cause d'un professionnel de santé ou du milieu sanitaire ;
- 5° **préjudice médical:** atteinte résultant d'un acte médical empêchant une personne de mener une vie normale ;
- 6° **professionnel de santé:** un médecin, un

umuganga, umuganga w'amenyo, umuhanga mu by'imiti, umuforomo n'umubyaza n'undi wese ukora umwuga ujyanye n'ubuvuzi ubifitiye impamyabumenyi kandi wemewe na Leta;

doctor, dentist, pharmacist, nurse, midwife or any other person having a required degree engaged in the practice of a paramedical profession;

dentiste, un pharmacien, un infirmier, une sage-femme ou toute autre personne muni d'un diplôme requis et agréé par l'Etat exerçant une profession paramédicale;

7° **umuntu wizewe:** umuntu wese wujuje imyaka y'ubukure ufite ubushobozi bwo guhitamo kandi watoranyijwe n'umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi ngo abimufashemo.

7° **trusted person:** any person who has reached the age of majority able to make a choice and chosen by a patient or any other health service user in order to help him/her with his/her choice.

7° **personne de confiance :** toute personne ayant atteint l'âge de la majorité capable de faire un choix et choisie par un patient ou tout autre usager des services de santé dans le but de l'aider à faire un choix.

UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA BW'IBANZE BW'UMURWAYI N'UBW'UNDI WAKENERA IBIKORWA BY'UBUVUZI

CHAPTER II: FUNDAMENTAL RIGHTS OF A PATIENT AND OTHER HEALTH SERVICE USER

CHAPITRE II: DROITS FONDAMENTAUX D'UN PATIENT ET D'UN AUTRE USAGER DES SERVICES DE SANTE

Ingingo ya 3: Uburenganzira ku gaciro k'umuntu n'icyubahiro cye

Article 3: Right by a human person to dignity and privacy

Article 3 : Droit d'une personne humaine à la dignité et à l'intimité

Umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga akora umurimo ashinzwe yubaha ubuzima bw'umuntu, icyubahiro cye n'agaciro ke.

The health professional shall discharge his/her duties with due respect for the human person's life, privacy and dignity.

Le professionnel de santé exerce sa mission dans le respect de la vie de la personne humaine, de son intimité et de sa dignité.

Ingingo ya 4: Uburenganzira ku bikorwa by'ubuvuzi

Article 4: Rights of access to medical procedures

Article 4 : Droit d'accès aux actes médicaux

Nta muntu ugomba gukorerwa ivangura iryo ari ryo ryose mu bikorwa by'isuzumwa, ivurwa n'ibindi bikorwa byose bijyanye n'ubuvuzi.

No one shall be subjected to any form of discrimination in access to consultation and healthcare services as well as other paramedical procedures.

Nul ne peut faire l'objet d'une quelconque forme de discrimination dans l'accès aux services de consultation, de soins et à d'autres actes paramédicaux.

Umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga, ibigo by'ubuvuzi, ibigo by'ubwishingizi bw'indwara cyangwa ahandi hose hakorerwa ibikorwa by'ubuvuzi bafite uruhare mu gushyiraho uburyo

A health professional, health facilities, health insurance organizations or any other healthcare setting shall contribute to the establishment of mechanisms that facilitate equal access to health

Tout professionnel de santé, les établissements de santé, les organismes d'assurance-maladie ou tout autre milieu sanitaire contribuent à la mise en place des mécanismes permettant de garantir

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

bwo guha abantu bose amahirwe angana mu kwivuzza no kwita ku buzima mu buryo bwose bushoboka.

Ingingo ya 5: Uburenganzira ku mutekano w'umurwayi

Umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi afite uburenganzira bwo:

- 1° kutabangamirwa n'imikorere mibi mu buvuzi;
- 2° kutabangamirwa n'ingaruka mbi cyangwa amakosa akorerwa ahatangirwa ibikorwa by'ubuvuzi;
- 3° guhabwa ibikobwa by'ubuvuzi biri ku gipimo cyemewe kigenwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;
- 4° kubona ibisubizo nyabyo igihe yakorewe ibizami, yakoresheje insimburangingo, yahawe inkingo za ngombwa cyangwa yakoresheje ibikoresho n'imiti byo mu rwego rw'ubuvuzi.

Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo guhitamo umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga

Uretse mu gihe cy'uburwayi bwihutirwa, umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kwihitiramo

care for all and the best possible health safety.

Article 5: Patient's right to safety

The patient or any other health service user shall have the right:

- 1° not to suffer poor functioning of health services;
- 2° not to suffer adverse events or errors occurring in the healthcare setting;
- 3° to have access to medical procedures that meet such an acceptable standard as set by the Minister in charge of Health;
- 4° to have access to reliable results when subjected to tests, having a prosthesis done or being administered compulsory vaccinations and using medical devices and products.

Article 6: Right to free choice of a health professional

Except for emergency cases, the patient or any other health service user shall have the right to freely choose a health professional.

l'égal accès de tous aux soins et d'assurer la meilleure sécurité sanitaire possible.

Article 5: Droit du patient à la sécurité

Tout patient ou tout autre usager des services de santé a le droit :

- 1° de ne pas souffrir du mauvais fonctionnement des services de santé ;
- 2° de ne pas souffrir des effets indésirables ou des erreurs survenant dans le milieu sanitaire;
- 3° d'avoir accès aux actes médicaux qui répondent à une norme acceptable fixée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions ;
- 4° d'avoir accès à des résultats fiables lorsqu'il a fait l'objet des examens, lorsqu'il s'est fait implanter une prothèse ou lorsqu'il a été soumis aux vaccinations obligatoires et lorsqu'il a utilisé les dispositifs et les produits médicaux.

Article 6: Droit au libre choix d'un professionnel médical

Exception faite pour les cas d'urgence, tout patient ou tout autre usager des services de santé a le droit de choisir librement un professionnel

umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga.

Ingingo ya 7: Uburenganzira ku makuru

Umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga agomba guha uwo asuzuma, avura cyangwa agira inama:

- 1° amakuru nyayo, anoze kandi akwiye ku miterere y'ubuzima bwe no ku bikorwa by'ubuvuzi ashaka kumukorera;
- 2° kumumenyesha akamaro kabyo n'inkurikizi zishobora kubaho cyangwa zikomeye ubusanzwe zishobora guteganywa;
- 3° kumumenyesha ibiciro biteganyijwe ku bikorwa by'ubuvuzi;

Umurwayi agomba buri gihe kumenyeshwa imiterere y'ubuzima bwe, keretse gusa igihe:

- 1° uburwayi bwihutirwa;
- 2° umurwayi yataye ubwenge;
- 3° bidashoboka kumugeraho;
- 4° umurwayi agaragaje ko adashaka kumenya indwara ye cyangwa se amaherezo yayo, keretse gusa mu gihe ashobora kwanduza abandi bantu.

Article 7: Right to information

The health professional shall be required to provide the person benefiting from his/her examination, treatment and advisory services with:

- 1° accurate, reliable and appropriate information on his/her health state and proposed medical procedures;
- 2° information on their usefulness and frequent or serious normally predicable risks;
- 3° information on medical procedure costs;

A patient must be regularly informed of his/her health state except in the following circumstances:

- 1° in case of an illness requiring an emergency intervention;
- 2° where he/she is not in full possession of his/her mental faculties;
- 3° if it proves impossible to find him/her;
- 4° in case he/she expressed his/her wish not to be informed of his/her illness or its outcome, except in cases where he/she may put others at risk of transmission.

de santé.

Article 7: Droit à l'information

Le professionnel de santé doit fournir à la personne qu'il examine, traite ou conseille :

- 1° une information précise, fiable et appropriée sur son état de santé et les actes médicaux qu'il lui propose ;
- 2° une information sur leur utilité et les risques fréquents ou graves normalement prévisibles qu'ils comportent ;
- 3° une information sur le tarif des actes médicaux;

Le patient doit être régulièrement informé sur son état de santé sauf :

- 1° dans le cas d'une maladie nécessitant une intervention d'urgence ;
- 2° quand il n'est pas en pleine possession de ses capacités mentales ;
- 3° en cas d'impossibilité de le trouver ;
- 4° en cas de sa volonté expresse de ne pas être tenu au courant de sa maladie ou de son issue sauf s'il peut exposer les autres à un risque de transmission.

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

Amakuru atangwa mu magambo, inyandiko ikaza yuzuzwa ibyavuzwe igihe bibaye ngombwa.

Such information is communicated during a one-on-one discussion while written information shall be considered as a supplement if need be.

Cette information est délivrée au cours d'un entretien individuel, l'écrit n'étant qu'un complément, si nécessaire.

Ingingo ya 8 : Uburenganzira bwo guhitamo umuntu wizewe

Umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi ufite imyaka y'ubukure ashobora guhitamo umuntu wizewe ushobora kumufasha.

Article 8: Freedom of choice of a trusted person

A patient or any other health service user who has reached the age of majority may designate a trusted person of his/her choice who can assist him/her.

Article 8 : Liberté de choisir une personne de confiance

Tout patient ou tout autre usager des services de santé ayant atteint l'âge de la majorité peut désigner une personne de confiance de son choix qui peut l'assister.

Umuntu wizewe agenwa mu nyandiko kandi ashobora gukurwaho icyo cyizere igihe icyo aricyo cyose.

The trusted person shall be designated in writing and may be revoked at any time.

La personne de confiance est désignée par écrit et peut être révoquée à tout moment.

Umuntu wizewe ahabwa amakuru y'ubuzima bw'umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi akenewe kandi agomba kugira ibanga ry'amakuru yamenye.

The trusted person shall be provided with necessary information on the health state of the patient or any other health service user and remain subject to the obligation of secrecy regarding the information made available to him/her.

La personne de confiance se voit donner des informations nécessaires relatives à l'état de santé du patient ou de tout autre usager des services de santé et est tenue à l'obligation de secret concernant les informations portées à sa connaissance.

Ingingo ya 9 : Uburenganzira bwo kwemera

Igihe cyose umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi asuzumwa cyangwa avurwa agomba kubanza kubyemera .

Article 9: Right to consent

The prior consent of the patient or any other health service user to be examined or treated must be sought in all cases.

Article 9 : Droit au consentement

Le consentement préalable du patient ou tout autre usager des services de santé examiné ou soigné doit être recherché dans tous les cas.

Iyo umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi agaragaza ko afite ubushobozi bwo kwemera cyangwa guhakana igikorwa icyo aricyo cyose yakorerwa kwa muganga yanze gusuzumwa cyangwa kuvurwa, umukozi wo mu buvuzi agomba kubahiriza icyemezo cye nyuma yo

When the patient or any other health service user who is able to accept or refuse any proposed procedure within a health facility, refuses to undergo an examination or treatment, the health professional must respect such refusal after having informed him/her of the consequences thereof.

Lorsque le patient ou tout autre usager des services de santé, en état d'être capable d'accepter ou de refuser un quelconque acte lui proposé dans un établissement de santé refuse de subir un examen ou un traitement, le professionnel de santé doit respecter ce refus

kumusobanurira ingaruka zacyo.

Iyo umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi bigaragara ko adafite ubwo bushobozi, umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga ntashobora kugira icyo amukoraho uwo yizeye atabanje kubimenyeshwa, keretse igihe byihutirwa cyangwa uwo muntu adashobora kuboneka ariko bikabanza kwemezwa n'undi mukozi wo kwa muganga ubifitiye ubushobozi cyangwa ubuyobozi bw'ikigo cy'ubuvuzi.

Igihe cyose umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi agomba kubanza kwemera ibimukorerwaho, agaciro k'icyo cyemezo kagaragara cyane cyane mu bihe bikomeye bishobora gutera ingaruka ku buzima bw'umurwayi.

Ingingo ya 10 : Uburenganzira bwo kwanga kuvurwa n'ubwo kwisubiraho

Umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa ibikorwa by'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kwanga kuvurwa cyangwa gukorerwaho igikorwa cyose cy'ubuvuzi, guhindura icyemezo cye mu gihe avurwa, cyangwa kwanga ko igikorwa cy'ubuvuzi gikomeza kumukorerwaho.

Kwanga kuvurwa cyangwa kwisubiraho bikorwa mu nyandiko bigashyirwa mu idosiye y'umurwayi.

Iyo mu bihe byihutirwa habayeho gushidikanya niba ubushake bw'umurwayi cyangwa

If the patient or any other health service user is not in a condition to express his/her will, the health professional cannot intervene unless his/her trusted person has been warned and informed, except in an emergency or where the trusted person cannot be found subject to prior favorable opinion from another competent health professional or from the management of the health facility.

The prior consent of the patient or any other health service user is sought in any cases, but its relevance is specifically observed in case of potentially serious health-threatening situations for the patient.

Article 10: Right to refuse treatment and withdraw consent

The patient or any other health service user shall have the right to refuse treatment or any medical procedure, to withdraw consent during treatment or to refuse the continuation of the medical procedure performed on him/her.

Refusal of treatment or withdrawal of consent shall be made in writing and documented in the patient's medical record.

Where, in an emergency case, uncertainty exists about the existence or non existence of prior

après l'avoir informé de ses conséquences.

Si le patient ou tout autre usager des services de santé est hors d'état d'exprimer sa volonté, le professionnel de santé ne peut intervenir sans que la personne de confiance ait été prévenue et informée, sauf urgence ou impossibilité de trouver cette personne de confiance à condition d'avoir obtenu au préalable l'avis favorable d'un autre professionnel de santé compétent ou celui de la direction de l'établissement de santé.

Le consentement préalable du patient ou de tout autre usager des services de santé à l'acte lui proposé est exigé dans tous les cas, mais sa pertinence s'observe, surtout, dans les situations graves pouvant mettre en jeu le pronostic vital du patient.

Article 10 : Droit au refus de traitement et au retrait du consentement

Tout patient ou tout autre usager des services de santé a le droit de refuser un traitement ou un acte médical quelconque, de retirer son consentement pendant le traitement ou de refuser la poursuite d'un acte médical dont il fait l'objet.

Le refus de traitement ou le retrait du consentement est fait par écrit et consigné dans le dossier médical du patient.

Lorsque, dans un cas d'urgence, il y a incertitude quant à l'existence ou non de la volonté

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

umuhagarariye bwarabayeho, nta kintu agomba gukorera, kandi ibyo bikaba mu nyungu z'umurwayi, keretse undi mukozi wo mu buvuzi ubifitiye ubushobozi abanje kubyemeza cyangwa se bikemezwa n'ubuyobozi bw'ibitaro uwo murwayi arwariyemo.

Amakuru yose ajyanye n'icyo gikorwa agomba kwandikwa n'uwo muganga wamwakiriye muri dosiye y'umurwayi.

ingingo ya 11 : Kwemera kw'abana cyangwa abandi bantu badafite ubushobozi bwo kwifatira icyemezo

Umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga ugomba kuvura umwana cyangwa umuntu mukuru udashobora kwifatira icyemezo agomba gukora uko ashoboye kose akabimenyesha ababyeyi be, umuhagarariye cyangwa se umurera kugira ngo babanze babyemere.

Iyo byihutirwa, hatabonetse ababyeyi be, umuhagarariye cyangwa se umurera kugira ngo babanze babyemere, hagomba inama y'undi mukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga ubifitiye ubushobozi kugira ngo hafatwe icyemezo.

Ingingo ya 12 : Uburenganzira ku isuzumwa no ku kubona kopi y'idosiye y'umurwayi

Umurwayi cyangwa umuntu wese uhabwa

consent of the patient or his/her representative, any necessary intervention may only be performed, in the interests of the patient, after favourable opinion from another competent health professional or from the management of the health facility where health care services are being provided.

All information on this intervention must be entered in the patient's medical record by the physician receiving him/her.

Article 11: Consent of minors or other incapable persons

The health professional who intends to provide healthcare services to a minor or an incapable person must endeavor to inform his/her parents or his/her representative or his/her guardian and obtain their prior consent.

In case of emergency and in the absence of his/her parents, legal representative or guardian for their consent, the opinion of another competent health professional shall be required before making a decision.

Article 12: Right to consult and be given a copy of the patient's medical record

The patient or any other health service user shall

exprimée au préalable par le patient ou son représentant, toute intervention nécessaire ne peut être pratiquée, et cela dans l'intérêt du patient, qu'après avis d'un autre professionnel de santé compétent ou celui de la direction de l'établissement de santé où sont dispensés les soins.

Toutes les informations relatives à cette intervention doivent être consignées dans le dossier médical du patient par le médecin qui le reçoit.

Article 11 : Consentement des mineurs ou d'autres personnes incapables

Le professionnel de santé appelé à soigner un mineur ou un majeur incapable doit s'efforcer de prévenir ses parents ou son représentant ou son tuteur et d'obtenir leur consentement préalable.

En cas d'urgence et d'impossibilité de trouver ses parents, son représentant ou son tuteur pour donner leur consentement, l'avis d'un autre professionnel de santé compétent est requis avant de prendre une décision.

Article 12 : Droit de consulter et de se faire remettre une copie du dossier médical du patient

Tout patient ou tout autre usager des services de

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

ibikorwa by'ubuvuzi afite uburenganzira bwo gusuzuma ibikubiye muri dosiye ye no guhabwa kopi yayo igihe bibaye ngombwa.

have the right to consult his/her medical record and receive a copy thereof if need be.

santé a le droit de consulter son dossier médical et s'en faire remettre une copie si nécessaire.

Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kuregera indishyi

Article 13: Right to sue for compensation

Article 13 : Droit d'intenter une action aux fins d'indemnisation

Uwahuye n'ingaruka zituruka ku buvuzi afite uburenganzira bwo kuregera indishyi, mu gihe cyose isano riri hagati y'ingaruka n'ubuvuzi bigaragaye.

The victim of health risks shall have the right to sue for compensation provided that the causal link between the health risk and the medical procedure is established.

La victime des risques sanitaires a le droit d'intenter une action aux fins d'indemnisation pourvu que le lien de causalité entre le risque sanitaire et l'acte médical soit établi.

UMUTWE WA III: UBWISHINGIZI KU NGARUKA ZITURUKA KU BIKORWA BY'UBUVUZI

CHAPTER III: INSURANCE AGAINST HEALTH RISKS

CHAPITRE III: ASSURANCE CONTRE LES RISQUES SANITAIRES

Ingingo ya 14: Ubwishingizi ku mukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga ku giti cye

Article 14: Insurance by a health professional

Article 14: Assurance par un professionnel de santé

Buri mukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga yaba ukorera Leta cyangwa yikorera agomba gufata ubwishingizi mu kigo cy'ubwishingizi cyemewe na Leta.

Every health professional, whether public or private, must take out an insurance from a state-authorized insurance company.

Tout professionnel de santé tant public que privé est tenu de souscrire une assurance auprès d'un organisme d'assurance agréé par l'Etat.

Ingingo ya 15: Ubwishingizi bw'ikigo cy'ibikorwa by'ubuvuzi

Article 15: Insurance by a health facility

Article 15: Assurance par un établissement de santé

Ikigo cyose cya Leta cyangwa ikitari icya Leta gikora ibikorwa by'ubuvuzi kigomba kugira ubwishingizi.

Any health facility, whether public or private must take out an insurance.

Tout établissement de santé tant public que privé est tenu de souscrire une assurance.

Ingingo ya 16: Ibihano byo mu rwego rw'akazi k'uwanze kubahiriza ibiteganywa mu ngingo ya 14 n'ya 15 z'iri tegeko

Iyo ubwishingizi buteganywa n'iri tegeko butubahirijwe, urwego rubifitiye ububasha rufatira ibihano mu rwego rw'akazi abatabwubahiriza.

Ingingo ya 17: Kwishyura ubwishingizi igihe abakoresha barenze umwe

Igihe umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga afite abakoresha barenze umwe, agomba kumenya ko buri mukoresha yishyuye uruhare rwe mu bwishingizi butegegetse.

Iteka rya Minisitiri ufite ubwishingizi mu nshingano ze rigena uruhare rwa buri ruhande mu masezerano y'ubwishingizi.

Ingingo ya 18: Kwishyura ingaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi zitari mu masezerano y'ubwishingizi

Ingaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi zitari mu masezerano y'ubwishingizi zishyurwa n'umukoresha.

Mu gihe uburyozwe bureba umukoresha n'uwishingiwe, ingaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi zitari mu masezerano y'ubwishingizi ziryoziwa umukoresha ndetse n'uwishingiwe hakurikijwe uruhare rwa buri ruhande.

Article 16: Disciplinary action against a person who fails to comply with the provisions of articles 14 and 15 of this Law

In the event of failure to take out an insurance provided under this Law, the competent organ shall take disciplinary action against those who fail to comply with such an obligation.

Article 17: Payment of insurance premiums in case of several employers

In case of several employers, the health professional must ensure that each employer has paid his/her share of compulsory insurance premiums.

An Order of the Minister in charge of Insurance shall determine the contribution of each party to the insurance policy.

Article 18: Compensation for health risks not covered under insurance policy

The obligation to pay compensation for health risks not covered under insurance policy shall rest with the employer.

In the event of shared liability between the employer and the insured, liability for health risks not covered under insurance policy shall rest with both the employer and the insured in proportion to their respective liabilities.

Article 16 : Sanctions disciplinaires contre une personne qui viole les dispositions des articles 14 et 15 de la présente loi

En cas de manquement à l'obligation de souscrire une assurance prévue par la présente loi, l'organe compétent prend des sanctions disciplinaires à l'encontre de ceux qui ne respectent pas cette obligation.

Article 17: Paiement des primes d'assurance en cas de pluralité d'employeurs

En cas de pluralité d'employeurs, le professionnel de santé doit s'assurer que chacun des employeurs a payé sa part de primes d'assurance obligatoire.

Un arrêté du Ministre ayant les Assurances dans ses attributions détermine la part de contribution de chaque partie au contrat d'assurance.

Article 18: Réparation des risques sanitaires non couverts par le contrat d'assurance

La réparation des risques sanitaires non couverts par le contrat d'assurance est à la charge de l'employeur.

En cas de responsabilité partagée entre l'employeur et l'assuré, la responsabilité en cas de risques sanitaires non couverts par le contrat d'assurance incombe à l'employeur et l'assuré à concurrence de leurs responsabilités respectives.

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

Ingingo ya 19: Uburyozwe ku miti n'ibindi bikoreho byateye ingaruka ku murwayi

Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, iyo uburyozwe bwaturutse ku miti n'ibindi bikoreho byateye ingaruka ku murwayi, uwagize izo ngaruka arengerwa n'iri tegeko.

Ingingo ya 20 : Ibitishingirwa n'iri tegeko

Uwahuye n'ingaruka yakoze ikosa ritaryozwa indishyi, kandi akaba ari ryo ryonyine ryateye ingaruka ifitanye isano n'ibikorwa byo mu buvuzi, ntarengerwa n'iri tegeko.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibireba uwahuye n'ingaruka uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), umurwayi wo mu mutwe, ufite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa undi muntu wese udafite ubushobozi bwo guhitamo.

Ingingo ya 21 : Igihe ubwishingizi butangirira

Ubwishingizi bugira agaciro impande bireba zimaze gusinya amasezerano y'ubwishingizi.

Article 19: Liability for pharmaceuticals and other devices having caused adverse events on the patient

Subject to the provisions of other laws, when liability originates from pharmaceuticals and other devices having caused adverse events on the patient, the victim shall be protected under this Law.

Article 20: Risks not covered under this Law

The victim of a risk having made an excusable error which is the sole cause of the health risk may not invoke protection under this Law.

The provisions of Paragraph One of this Article shall not apply to the victim under fourteen (14) years of age, a mentally disabled person or to any other person incapable of judgment.

Article 21: Commencement of insurance

The insurance shall become effective upon the signing of the insurance policy by the parties concerned.

Article 19: Responsabilité en cas de produits pharmaceutiques et autres dispositifs ayant produit des effets indésirables sur le patient

Sous réserve des dispositions d'autres lois, lorsque la responsabilité résulte des produits pharmaceutiques et d'autres dispositifs ayant produit des effets indésirables sur le patient, la victime est protégée en vertu de la présente loi.

Article 20: Risques non couverts par la présente loi

La victime d'un risque ayant commis une erreur excusable qui est la seule cause du risque sanitaire ne peut se prévaloir de la protection en vertu de la présente loi.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à la victime des risques âgée de moins de quatorze (14) ans, à une personne avec un handicap mental ni à toute autre personne incapable de discernement.

Article 21: Entrée en vigueur de l'assurance

L'assurance prend cours dès la signature du contrat d'assurance par les parties concernées.

UMUTWE WA IV: KOMITE ZISHINZWE KUNGA NO KUGENA INDISHYI ZITURUKA KU NGARUKA Z'IBIKORWA BY'UBUVUZI

CHAPTER IV: COMMITTEES FOR CONCILIATION AND COMPENSATION FOR HEALTH RISKS

CHAPITRE IV: COMITES DE CONCILIATION ET D'INDEMNISATION DES RISQUES SANITAIRES

Ingingo ya 22: Komite zishinzwe kunga no kugena indishyi zituruka ku ngaruka z'ibikorwa by'ubuvuzi

Hashyizweho ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu Komite zishinzwe kunga no kugena indishyi zituruka ku ngaruka z'ibikorwa by'ubuvuzi.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena abagize izo Komite, imiterere n'imikorere yazo.

Ingingo ya 23: Inshingano za Komite yo ku rwego rw'Akarere

Komite yo ku rwego rw'Akarere ishinzwe ibi bikurikira:

- 1° kwakira no gusuzuma ku rwego rwa mbere ibirego bituruka ku ngaruka zatewe n'ibikorwa by'ubuvuzi byabereye muri ako Karere;
- 2° kugena indishyi ku ngaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi;
- 3° kunga no gukemura mu bwumvikane amakimbirane yaterwa n'ingaruka zituruka

Article 22: Committees for Conciliation and Compensation for Health Risks

There is hereby established at the administrative District and national level Committees for Conciliation and Compensation for Health Risks.

An Order of the Minister in charge of health shall determine the composition, organization and functioning of these Committees.

Article 23: Responsibilities of the Committee at the District level

The responsibilities of the Committee at the District level shall be the following:

- 1° receiving and considering, in the first instance, claims related to health risks occurring in the District;
- 2° determining compensation for health risks;
- 3° providing mediation and carrying out amicable resolution of disputes arising

Article 22: Comités de Conciliation et d'Indemnisation des Risques Sanitaires

Il est créé au niveau de District administratif et au niveau national des Comités de Conciliation et d'Indemnisation des Risques Sanitaires.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine la composition, l'organisation et le fonctionnement de ces Comités.

Article 23: Attributions du Comité au niveau de District

Les attributions du Comité au niveau de District sont les suivantes :

- 1° recevoir et examiner en premier ressort les plaintes liées aux risques sanitaires survenus dans ce District ;
- 2° déterminer l'indemnisation des risques sanitaires ;
- 3° assurer la médiation et la résolution à l'amiable des litiges nés des risques

ku bikorwa by'ubuvuzi.

from health risks.

sanitaires.

Ingingo ya 24 : Inshingano za Komite yo ku rwego rw'Igihugu

Article 24: Responsibilities of the Committee at the national level

Article 24: Attributions du Comité au niveau national

Komite yo ku rwego rw'Igihugu ishinze ibi bikurikira:

The responsibilities of the Committee at the national level shall be the following:

Les attributions du Comité au niveau national sont les suivantes :

1° kwakira no gusuzuma ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma ibibazo bituruka ku ngaruka zatewe n'ibikorwa by'ubuvuzi byabereye mu bitaro by'icyitegererezo;

1° receiving and considering, in the first and last instance, disputes related to health risks occurring in referral hospitals;

1° recevoir et examiner en premier et dernier ressort les litiges liés aux risques sanitaires survenus dans les hôpitaux de référence;

2° kugena indishyi ku ngaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi;

2° determining compensation for health risks;

2° déterminer l'indemnisation des risques sanitaires ;

3° kunga no gukemura mu bwumvikane amakimbirane yaterwa n'ingaruka zituruka ku bikorwa by'ubuvuzi;

3° providing mediation and carrying out amicable resolution of disputes arising from health risks;

3° assurer la médiation et la résolution à l'amiable des litiges nés des risques sanitaires ;

4° kuba urwego rw'ubujurire ku bibazo byasuzumwe na za Komite zo ku rwego rw'Akarere.

4° serving as an appellate body for disputes considered by Committees at the District level.

4° servir d'organe de recours pour les litiges examinés par les Comités au niveau de District.

Ingingo ya 25 : Kuregera inkiko

Article 25: Referral to courts

Article 25 : Saisine des juridictions

Umuntu wese uhabwa ibikorwa byo mu buvuzi wahuye n'ingaruka zituruka ku buvuzi afite uburenganzira bwo kuregera inkiko atabanje guca muri Komite zishinzwe kunga no kugena indishyi cyangwa atanyuzwe n'ibyemezo by'izo Komite.

Any health service user victim of health risks shall have the right to bring an action before courts without the need to put the matter before Committees for Conciliation and Compensation for Health Risks or in case of dissatisfaction with the decisions of such Committees.

Tout usager des services de santé victime des risques sanitaires a le droit de saisir les juridictions sans devoir saisir en premier lieu les Comités de Conciliation et d'Indemnisation des Risques Sanitaires ou en cas d'insatisfaction à l'égard des décisions de ces Comités.

Ingingo ya 26: Ubuzime bw'ikirego

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza, ubuzime bw'ikirego gikomoka ku ngaruka itewe n'ubuvuzi hashingiwe kuri iri tegeko ni igihe cy'imyaka itanu (5) uhereye igihe iyo ngaruka yagaragariye cyangwa yamenyekaniye.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 27: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 29: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 26: Limitation of legal action

Subject to the provisions of laws on judicial procedures, the legal action resulting from health risks under this Law shall have a limitation period of five (5) years from the date of the occurrence of the risk or the date when the risk has been known.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 27: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 28: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 29: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 26: Prescription de l'action en justice

Sous réserve des dispositions relatives aux procédures judiciaires, l'action en justice née des risques sanitaires en vertu de la présente loi se prescrit par cinq (5) ans à compter du jour de la survenance du risque ou du jour où le risque a été connu.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 27: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Français, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 28: Disposition abrogatoire

Toutes dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 29: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 04 of 28 January 2013

Kigali, ku wa 22/01/2013

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 22/01/2013

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic
of Rwanda:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le 22/01/2013

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux